

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 123/03 RYO KUWA 30/04/2013 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMITE Y'IGIHUGU ISHINZWE UMUTEKANO W'IBY'INDEGE ZA GISIVILI

PRIME MINISTER'S ORDER N° 123/03 OF 30/04/2013 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF A NATIONAL CIVIL AVIATION SECURITY COMMITTEE

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 123/03 DU 30/04/2013 PORTANT ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU COMITE NATIONAL DE SURETE DE L'AVIATION CIVILE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article Premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Inshingano za Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili

Article 2: Responsibilities of the National Civil Aviation Security Committee

Article 2: Attributions du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile

Article 3: Abagize Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili

Article 3: Members of the National Civil Aviation Security Committee

Article 3: Membres du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile

Ingingo ya 4: Inama z'abagize Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili

Article 4: Meetings of the Civil Aviation Security Committee

Article 4: Réunions du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile

Ingingo ya 5: Ibyemezo bya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili

Article 5: Decisions of the National Civil Aviation Security Committee

Article 5: Décisions du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile

Ingingo ya 6: Inyandikomvugo y'inama ya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili

Article 6: Minute of the meeting of the National Civil Aviation Security Committee

Article 6: Procès-verbal de la réunion du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile

Ingingo ya 7: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 7: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 7: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

**Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'ingingo Article 8: Repealing provision  
zinyuranyije n'iri teka**

**Article 8: Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 9: Igihe iteka ritangirira Article 9: Commencement  
gukurikizwa**

**Article 9: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°123/03 RYO KUWA 30/04/2013 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMITE Y'IGIHUGU ISHINZWE UMUTEKANO W'IBY'INDGE ZA GISIVILI**

**Minisitiri w'Intebe,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo, iya 119, iya 120, 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 42/2011 ryo kuwa 31/10/2011 ryerekeye umutekano w'iby'indege za gisivili, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5;

Bisabwe na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 07/12/2012 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili.

**PRIME MINISTER'S ORDER N°123/03 OF 30/04/2013 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL CIVIL AVIATION SECURITY COMMITTEE**

**The Prime Minister,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Article 119, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 42/2011 of 31/10/2011 relating to civil aviation security, especially in Article 5;

On proposal by the Minister of Infrastructure;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 07/12/2012;

**HEREBY ORDERS:**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the responsibilities, organization and functioning of the National Civil Aviation Security Committee.

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 123/03 DU 30/04/2013 PORTANT ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU COMITE NATIONAL DE SURETE DE L'AVIATION CIVILE**

**Le Premier Ministre,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 119, 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 42/2011 du 31/10/2011 relative à la sûreté de l'aviation civile, spécialement en son article 5;

Sur proposition du Ministre de l'Infrastructure;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 07/12/2012;

**ARRETE :**

**Article Premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile.

**Ingingo ya 2: Inshingano za Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili**

Inshingano za Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili ni izi zikurikira:

- 1° kwemeza isobanura n'itanga ry'imirimo nk'uko bikubiye muri Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege za Gisivili;
- 2° kujya inama no guhuza ibikorwa by'umutekano, hagati ya za minisiteri, amashami yazo, ibigo, n'izindi nzego z'Igihugu, ibibuga, ba nyir'indege, n'ibindi bigo birebwa cyangwa bishinzwe gushyira mu bikorwa ibintu bitandukanye mu rwego rwa Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'Indege za Gisivili;
- 3° gushyiraho umurongo n'ibikurikizwa mu rwego rw'umutekano w'iby'indege za gisivili;
- 4° gukemura ibibazo yashyikirijwe na Komite Ishinzwe Umutekano w'Ikibuga cy'Indege.

**Article 3: Abagize Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili**

Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za gisivili igizwe n'abantu

**Article 2: Responsibilities of the National Civil Aviation Security Committee**

The National Civil Aviation Committee shall have the following responsibilities:

- 1° to approve the definition and allocation of tasks as enshrined in the National Civil Aviation Security Programme;
- 2° to advise and coordinate security activities between ministries, departments of ministries, agencies and other organisations of Rwanda, airports and aircraft operators and other entities concerned or responsible for the implementation of various aspects of the National Civil Aviation Security Programme;
- 3° to establish civil aviation security measures and procedures;
- 4° to resolve issues raised by the Airport Security Committee.

**Article 3: Members of the National Civil Aviation Security Committee**

The National Civil Aviation Committee shall be comprised of the following members:

**Article 2: Attributions du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile**

Les attributions du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile sont les suivantes:

- 1° approuver la définition et l'attribution des tâches contenues dans le Programme National de Sûreté de l'Aviation Civile;
- 2° conseiller et coordonner les activités de sûreté entre les ministères, services des ministères, agences et autres organisations rwandaises, exploitants aéroportuaires et d'aéronefs, et autres entités concernées ou responsables de la mise en œuvre des divers aspects du Programme National de Sûreté de l'Aviation Civile ;
- 3° établir les mesures et procédures de sûreté de l'aviation civile;
- 4° donner suite aux questions soulevées par le Comité de Sûreté Aéroportuaire.

**Article 3: Membres du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile**

Le Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile est composé de personnalités suivantes:

Official Gazette n° 18 of 06/05/2013

bakurikira:

1° Minisitiri ufite Ingabo z'Igihugu mu nshingano ze;	1° the Minister in charge of defence;	1° le Ministre ayant la défense dans ses attributions ;
2° Minisitiri ufite iby'indege za gisivili mu nshingano ze;	2° the Minister in charge of civil aviation;	2° le Ministre ayant l'aviation civile dans ses attributions ;
3° Minisitiri ufite umutekano mu gihugu mu nshingano ze;	3° the Minister in charge of internal security;	3° le Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions ;
4° Minisitiri ufite ubutwererane n'amahanga mu nshingano ze;	4° the Minister in charge of international cooperation;	4° le Ministre ayant la coopération internationale dans ses attributions ;
5° Umugaba w'Ingabo zirwanira mu Kirere;	5° the Air Force Chief of Staff;	5° le Chef d'Etat-major de l'Armée de l'Air ;
6° Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda;	6° the Inspector General of Rwanda National Police;	6° l'Inspecteur Général de la Police Nationale du Rwanda ;
7° Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rushinzwe Iperereza n'Umutekano;	7° the Secretary General of the National Intelligence and Security Service;	7° le Secrétaire Général du Service National de Renseignement et de sécurité ;
8° Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe iby'Indege za Gisivili;	8° the Director General of Rwanda Civil Aviation Authority;	8° le Directeur Général de l'Office de l'Aviation Civile du Rwanda ;
9° Umuyobozi Mukuru ushinzwe Abanjira n'Abasohoka;	9° the Director General of Immigration and Emigration;	9° le Directeur Général de l'Emigration et Immigration;
10° Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro	10° the Commissioner General of Rwanda Revenue Authority.	10° le Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes
Minisitiri ufite ingabo z'igihugu mu nshingano ze ni we uyobora Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili.	The Minister in charge of defence shall be the Chairperson of the National Civil Aviation Security Committee.	Le Ministre ayant la défense dans ses attributions est le Président du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile

Minisitiri ufite iby'indege za gisivili mu Nshingano ze ni we Visi Perezida wa Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili.

Visi Perezida yunganira Perezida akanamusimbura mu mirimo ye igihe adahari.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe iby'indege za Gisivili ni we mwanditsi w'inama za Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili.

**Ingingo ya 4: Inama z'abagize Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili**

Inama y'abagize Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'indege za Gisivili iterana buri mezi ane (4) cyangwa igihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe na Perezida cyangwa Visi perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na batatu (3) mu bayigize. Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

Icyakora, inama idasanze ishobora gutumizwa igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida cyangwa Visi Perezida mu gihe Perezida adahari.

The Minister in charge of civil aviation shall be the Vice-Chairperson of the National Civil Aviation Security Committee.

The Vice-Chairperson shall assist the Chairperson and replace him/her in case of absence.

The Director General of Rwanda Civil Aviation Authority shall be the rapporteur of the National Civil Aviation Security Committee.

**Article 4: Meetings of the Civil Aviation Security Committee**

The meeting of the Civil Aviation Security Committee shall be held once every four (4) months and at any time it is considered necessary upon invitation by its Chairperson or Vice Chairperson, at own initiative, or upon a written request by three (3) of its members. The invitation shall be in writing to be submitted to the members of the National Civil Aviation Security Committee at least fifteen (15) days before the meeting is held.

However, the extraordinary meeting may be convened at any time it is considered necessary by the Chairperson or the Vice Chairperson in case of absence of the Chairperson.

Le Ministre ayant l'Aviation Civile dans ses attributions est le Vice-président du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile

Le Vice-président assiste le Président et le remplace dans ses fonctions en cas d'absence.

Le Directeur Général de l'Office de l'Aviation Civile du Rwanda est le rapporteur du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile.

**Article 4: Réunions du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile**

Le Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile se réunit une fois tous les quatre (4) mois et chaque fois que de besoin sur convocation de son Président ou de son Vice-président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite de trois (3) de ses membres. La convocation est faite par notification écrite et doit parvenir aux membres du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Toutefois, une réunion extraordinaire peut être convoquée, chaque fois que de besoin, par le Président ou le Vice-président en cas d'absence du Président.

Inama ya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili iteranna iyo hari nibura bitatu bya gatanu (3/5) by'abayigize. Iyo umubare wa ngombwa utuzuye, inama irasubikwa, igatumizwa kandi igaterana mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

Komite y'Igihugu Ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili igena uburyo inama zayo zikorwa.

**Ingingo ya 5: Ibyemezo bya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili**

Inama ya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'indege za Gisivili ifata ibyemezo ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu nama.

**Ingingo ya 6: Inyandikomvugo y'inama ya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili**

Inyandikomvugo y'inama ya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'Indege za Gisivili ikorwa n'Umwanditsi akanayishyiraho umukono hamwe na Perezida inama ikirangira kandi ikabikwa n'Umwanditsi.

**Ingingo ya 7: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo asabwe

The quorum for the meeting of the National Civil Aviation Security Committee shall be three fifth (3/5) of its members. In case the quorum is not reached, the meeting shall be postponed and convened and held in a period not exceeding fifteen (15) days.

The National Civil Aviation Security Committee shall regulate the procedure for its meetings.

**Article 5: Decisions of the National Civil Aviation Security Committee**

Decisions of the National Civil Aviation Security Committee shall be taken by absolute majority of the members present.

**Article 6: Minute of the meeting of the National Civil Aviation Security Committee**

The minute of the meeting of the National Civil Aviation Security Committee shall be prepared by the Rapporteur and signed by both the Rapporteur and the Chairperson immediately after the end of the meeting, and kept by the Rapporteur.

**Article 7: Authorities responsible of the implementation of this Order**

The Minister of Infrastructure is entrusted with

Le quorum requis pour la tenu de réunion du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile est de trois cinquième (3/5) des ses membres. Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée et convoquée dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours.

Le Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile met en place la procédure pour la tenue de ses réunions.

**Article 5: Décisions du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile**

Les décisions du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile sont prises à la majorité absolue des membres présents.

**Article 6: Procès-verbal de la réunion du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile**

Le procès-verbal de la réunion du Comité National de Sûreté de l'Aviation Civile est rédigé par le rapporteur et signé par ce dernier et le Président immédiatement après la clôture de la réunion et est gardé par le Rapporteur.

**Article 7: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre des Infrastructures est chargé de

kubahiriza iri teka.

the implementation of this Order.

l'exécution du présent arrêté.

**Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Article 8: Repealing provision**

**Article 8: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 9. Igihe iteka ritangirira gukurikizwa**

**Article 9: Commencement**

**Article 9: Entrée en vigueur**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 30/04/2013

Kigali, on 30/04/2013

Kigali, le 30/04/2013

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

(sé)

**Prof. LWAKABAMBA Silas**  
Minisitiri w'Ibikorwa Remezo

(sé)

**Prof. LWAKABAMBA Silas**  
Minister of Infrastructure

(sé)

**Prof. LWAKABAMBA Silas**  
Ministre des Infrastructures

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux